REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA

# RAPORO Y'UMWAKA WA 2012-2013



KIGALI, 2013

REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA

# RAPORO Y'UMWAKA WA 2012-2013



KIGALI, 2013

## IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'IMPINE YAKORESHEJWE

1. ***Adm.:*** Administratif (Imanza z'Ubutegetsi)
2. ***Civ.*** **:** Civil (Imanza z'imbonezamubano)
3. ***CS/SC*****:** Cour Suprême/ Supreme Court (Urukiko rw'Ikirenga)
4. ***Com*****:** Commercial
5. ***EFS*****:** Electronic Filing System
6. ***ERMS*****:** Electronic Records Management System
7. ***Gen*****:** Genocide
8. ***HC*****:** High Court (Urukiko rukuru)
9. ***HCC/CHC*****:** Haute Cour Commerciale/Commercial High court Urukiko rukuru rw'Ubucuruzi
10. ***HCM/MHC*****:** Haute Cour Militaire/Military High court (Urukiko Rukuru rwa Gisirikare)
11. ***KIAC*** **:** Kigali International Arbitration Center
12. ***ILPD*** **:** Insitute of Legal Practice and Development
13. ***LAN*** **:** Local Area Network
14. ***Min.*** **:** Mineur (Imanza nshinjabyaha z'abana)
15. ***TGI*****:** Tribunal de Grande Instance (Urukiko Rwisumbuye)
16. ***TB*** **:** Tribunal de base (Urukiko rw'Ibanze)
17. ***TC/CC*** **:** Tribunal de Commerce/Commercial court (Urukiko rw'Ubucuruzi)
18. ***TM/MC*****:** Tribunal Militaire/Military Court (Urukiko rwa Gisirikare
19. ***OCD*** **:** Other court Decisions
20. ***Pen.*** **:** Pénal (Imanza nshinjabyaha)
21. ***RCS*****:** Rwanda Correctional Services
22. ***Soc*****:** Sociale (Imanza z'umurimo)

## ISHAKIRO


**IJAMBO RY'IBANZE ....................................................................................5**

**1. IRIBURIRO..........................................................................................8**

**2. KWITA KUBAGANA INKIKO ...................................................................8**

2.1. Kumenyesha abagana inkiko imikorere yazo..........................................8

2.2. Kwakira neza abagana inkiko..................................................................9

2.3. Kunoza serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga........................11

**3. GUTANGA UBUTABERA BWIHUSE KANDI BUNOZE.............................12**

3.1. Kwakira ibirego no gusubiza mu gihe ababitanze...................................12

3.2. Gukemura ibibazo bitarindiriye umucamanza.........................................13

3.3. Guca imanza nyinshi kandi vuba.............................................................14

3.3.1. Imanza zaciwe muri rusange..................................................................14

3.3.2. Imanza zaciwe muri buri rukiko..............................................................16

3.4. Guca Imanza Zinoze...............................................................................20

3.4.1. Imanza zahindutse mu bujurire...............................................................20

3.4.2. Kurwanya ibirarane..................................................................................21

3.5. Guha umwihariko imanza zisaba ubwihutirwe budasanzwe...................26

3.5.1. Ibyaha byibasira ubukungu bw'Igihugu..................................................26

3.5.2. Imanza ku byaha by'ingengabitekerezo ya jenoside................................27

3.6. Gukemura ibibazo bitageze mu nkiko......................................................28

3.6.1. Uruhare rw'abunzi mu gukemura ibibazo by'abaturage..........................28

3.6.2. Uruhare rw'Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali (KIAC) mu gukemura ibibazo by'abaturage..........................................................29

**4. INGAMBA ZAKORESHEJWE ..................................................................30**

4.1. Kuvugurura amategeko............................................................................30

4.2. Gukorera ku ntego....................................................................................31

4.3. Kongerera ubushobozi abakozi b'inkiko...................................................32

4.3.1. Amahugurwa yahawe abacamanza n'abandi bakozi b'Inkiko...................32

4.3.2. Kugenzura imikorere y'inkiko n'imyitwarire by'abacamanza...................34

**5. IBYAKOZWE N'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA.....................................35**

**6. IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO..............................................................36**

**7. INZITIZI N'IMITI ISHOBOKA....................................................................37**

7.1. Ubwinshi bw'imanza zinjira mu nkiko......................................................37

7.2. Imiterere, imikorere n'ubabasha by'Inkiko................................................37

7.3. Ikoranabuhanga ritarashinga imizi............................................................38

7.4. Ingengo y'imari idahagije..........................................................................38

**8. UMWANZURO..........................................................................................40**

**9. IMIGEREKA...............................................................................................41**

## Urutonde rw'amashusho


Ishusho ya 1 : Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko zose.....14
Ishusho ya 2: Imanza zaciwe muri 2011-2012 na 2012-2013.....15
Ishusho ya 3: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko z'ibanze.....16
Ishusho ya 4: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko zisumbuye.....17
Ishusho ya 5: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu Rukiko Rukuru.....17
Ishusho ya 6: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu Nkiko z'Ubucuruzi.....18
Ishusho ya 7: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.....19
Ishusho ya 8: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko za gisirikare.....19
Ishusho ya 9: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu Rukiko rw'Ikirenga.....20
Ishusho ya 10: Imibare y'imanza zahinduwe mu bujurire.....21
Ishusho ya 11: Ijanisha ry'imanza zahinduwe mu bujurire.....21
Ishusho ya 12: Impamvu z'isubikwa ry'imanza z'imbonezamubano.....23
Ishusho ya 13 : Impamvu z'isubikwa ry'imanza nshinjabyaha.....23
Ishusho ya 14: Imanza ziri mu nkiko ukurikije igihe zinjiriye.....24
Ishusho ya 15: Ubwinshi bw'imanza zisigaye mu nkiko.....25
Ishusho ya 16: Imanza z'ibirarane (hejuru y'amezi 6) zaciwe n'izisigaye.....25
Ishusho ya 17: Uburemere bw'ibirarane muri buri rukiko.....26
Ishusho ya 18: Imanza ku byaha byibasira ubukungu bw'Igihugu zageze mu nkiko.....26
Ishusho ya 19: Imanza ku byaha byibasira ubukungu bw'Igihugu zaregewe inkiko mu myaka ya 2011-2012 na 2012-2013.....27
Ishusho ya 20: Imanza z'ingengabitekerezo ya jenoside zageze mu nkiko.....27
Ishusho ya 21: Imiterere y'imanza z'ingengabitekerezo ya jenoside zageze mu nkiko kuva mu mwaka w'2007 kugeza mu mwaka w'ubucamanza 2012-2013.....28
Ishusho ya 22: Imanza zaregewe inkiko z'Ibanze mu mwaka 2012 – 2013.....29


## Urutonde rw'imbonerahamwe


Imbonerahamwe ya 1: Igihe umuturage amara akurikiranye ikibazo mu rukiko.....10
Imbonerahamwe ya 2 : Ibibazo byatanzwe ku Nkiko mu mwaka wa 2012-2013.....10
Imbonerahamwe ya 3: Ibirego byatanzwe hakoreshejwe ikoranabuhanga.....11
Imbonerahamwe ya 4: Igihe bitwara ngo uwatanze ikirego asubizwe.....12
Imbonerahamwe ya 5: Ibirego byakiriwe n'ibirego bitanditswe.....13
Imbonerahamwe ya 6: Ibibazo byakemuriwe mu Nama ntegurarubanza.....14
Imbonerahamwe ya 7: Iminsi urubanza rumara mu iburanisha.....22

# IJAMBO RY'IBANZE



Nk'uko biteganywa n'Itegeko ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga mu ngingo yaryo ya 13, 5°, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, nk'umuyobozi w'Urwego rw'Ubucamanza, afite inshingano yo gutangaza buri mwaka raporo y'ibikorwa ku mikorere rusange y'Urukiko rw'Ikirenga n'izindi nkiko zose zo mu Gihugu. Ni muri urwo rwego iyi raporo yateguwe, ikaba ihuriza hamwe ibyakozwe n'Urwego rw'Ubucamanza mu mwaka wa 2012 – 2013.

Ibikorwa by'Urwego rw'Ubucamanza by'uyu mwaka byabaye indi ntambwe yatewe n'uru rwego mu rugendo rwiyemeje rwo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse hashingiwe ku ntego rwihaye muri gahunda y'igenamigambi ry'imyaka itanu guhera 2008 kugeza 2013, zikubiye mu nkingi enye zikurikira:

- Kwegereza abaturage ubutabera
- Gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse
- Gushimangira ubwigenge bw'Urwego rw'ubucamanza
- Kunoza imikoranire y'urwego rw'ubucamanza n'izindi nzego.

Uyu mwaka hashyizwe imbaraga zihariye mu buryo bwo kunoza imitangire ya serivisi zihabwa abagana inkiko hitabwa cyane cyane ku kubakira neza, kubasobanurira imikorere y'inkiko, no gusubiza ibibazo byabo mu buryo bukwiye kandi bwihuse.

Inkiko zashyiriweho uburyo bwo kwigenzura kugira ngo umuco wo gutanga serivisi nziza ube indangagaciro ya buri mukozi w'Urukiko mu mwanya wo kubibonamo itegeko ry'umukoresha.
Uyu munsi twakwishimira ko umuturage ugejeje ikibazo ku rukiko ahabwa igisubizo mu gihe kitarenze umunsi umwe, mu gihe utanze ikirego we, amenyeshwa ko ikirego cye cyanditswe cyangwa ko kitanditswe mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48).

Muri uyu mwaka kandi hashyizwe ingamba shya  mu gukumira ibirego bigamije gukereza imanza. Ivugurura ry'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano ryahaye abanditsi ububasha bwo kutandika ibirego bitujuje ibisabwa n'amategeko ndetse bahabwa n'ububasha bwo kumvikanisha ababuranyi babishaka mbere yuko urubanza rutangira.

Nubwo hatarashira igihe kinini abanditsi bahawe ubwo bubasha, umusaruro watangiye kwigaragaza. Hashingiwe ku mibare y'imanza zinjiye mu nkiko mu kwezi kwa Mata, Gicurasi na Kamena 2013 uko ari 20141, ibirego 758 ni ukuvuga 4% y'ibirego byose byaregewe inkiko muri ayo mezi uko ari atatu, ntabwo byanditswe mu bitabo by'inkiko kubera ko bitari byujuje ibisabwa n'amategeko, mu gihe ibirego 378 bingana na 6% y'ibirego byasuzumiwe mu nama ntegurarubanza kuva muri Mata kugeza muri Kamena 2013, byakemutse mu bwumvikane bitagombeye kuburanishwa.

Twakwishimira kandi ko gukoresha ikoranabuhanga mu gutanga ibirego mu nkiko (E-filing system), byarushijeho kwitabirwa muri uyu mwaka wa 2012 – 2013. Mu nkiko z'Ibanze 9% by'ibirego byinjiye hifashishijwe ikoranabuhanga , mu Nkiko Zisumbuye byakozwe ku kigero cya 47%, mu Rukiko Rukuru byageze kuri 69%, mu Nkiko z'ubucuruzi bikorwa ku kigero cya 98% naho mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi no mu Rukiko rw'Ikirenga bikorwa ku kigero cya 100%. Intege nke zigaragara mu Nkiko z'Ibanze ziterwa ahanini n'uko hakiri zimwe murizo zikorera mu duce tw'Igihugu tutarabona amashanyarazi bityo bikaba bitorohera ababuranyi gukoresha interineti.

Nk'uko iyi raporo ibyerekana, mu mwaka wa 2012 – 2013, abacamanza bakomeje umuhigo wo guca imanza nyinshi kugira ngo abagana inkiko babone ubutabera mu gihe gikwiye, kuko haciwe imanza 83.584. Hashingiwe ku mubare w'abacamanza bari mu nkiko, impuzandengo y'umubare w'imanza zaciwe na buri mucamanza ni 27 mu kwezi, ibi bikaba byerekana ko abacamanza besheje umuhigo bari bihaye w'imanza 15 mu kwezi kuri buri mucamanza.

Kuba haraciwe umubare munini w'imanza, no kuba inkiko zarashyizeho uburyo bwo kwigenzura mu mitangire ya serivisi byagize ingaruka nziza mu kugabanya igihe urubanza rumara mu rukiko mbere yuko rucibwa kuko byagaragara ko, uretse mu Rukiko Rukuru no mu Rukiko rw'Ikirenga, mu zindi nkiko igihe mpuzandengo urubanza rumara kuva ikirego gitanzwe kugeza urubanza rusomwe kiri munsi y'amezi atandatu ateganywa n'itegeko. Ubuyobozi bw'inkiko bufite icyizere cy'uko iki kibazo cy'itinda ry'imanza mu nkiko nkuru kizakemurwa n'ivugurura ry'amategeko ryatangiye kandi rizakomeza.

Ubudakemwa bw'imanza zicibwa ni umuhigo uhoraho mu mikorere y'inkiko. Kugira ngo inkiko ziwugereho, ubuyobozi bw'inkiko bwashyizeho uburyo butuma abacamanza bagira imyumvire imwe y'amategeko kugira ngo hatabaho kunyuranya ku byemezo bifatwa mu manza zihuje imiterere. Kuri ubu buri mucamanza amenyeshwa imanza yaciye zahinduwe mu bujurire, akamenya neza ibibazo by'amategeko byakosowe mu bujurire kandi agahabwa amahirwe yo kubitangaho ibitekerezo byubaka ashingiye ku bushakashatsi bugamije kuzamura imyumvire y'amategeko. Muri uyu mwaka imanza zahinduwe mu bujurire ni 20% ugereranije n'imanza zose zaciwe mu rwego rw'ubujurire, mu gihe mu mwaka wa 2011-2012 zari ku kigero cya 28%. Ibi bikaba byerekana ko abacamanza ku nzego zitandukanye bagenda begera umurongo umwe w'imyumvire y'amategeko kandi bigatuma ababuranyi banyurwa n'ibyemezo bafatiwe ku rwego rwa mbere mu gihe bazi ko ibyemezo bafatiwe ari nabyo bizagumaho mu rwego rw'ubujurire.

Hashyizweho abashakashatsi mu by'amategeko n'ubwo bakiri bake, bunganira abacamanza b'Urukiko rw'ikirenga mu bushakashatsi bukenerwa mu ica ry'imanza kugirango byihutishe kandi birusheho gufasha abacamanza guca imanza zinoze.

Muri uyu mwaka kandi, ubuyobozi bw'inkiko bwakomeje kubaka ubushobozi bw'abakozi b'inkiko, bahabwa amahugurwa abafasha mu kazi kabo ka buri munsi. Muri uyu mwaka, abacamanza 47 bahawe amahugurwa y'Igihe kirekire mu ishuli rya ILPD, abandi bahabwa amahugurwa y'igihe kigufi ku mategeko anyuranye yavuguruwe.

Ubuyobozi bw'inkiko ntibwahwemye kwita ku myitwarire y'abakozi b'inkiko kugira ngo batange

ubutabera buzira ruswa n'akandi karengane. Ibiganiro byamagana ruswa byaratanzwe, ndetse mu cyumweru ngarukamwaka cyahariwe kurwanya ruswa mu nkiko, abakozi b'inkiko bagize uruhare mu bukangurambaga bwo kurwanya ruswa. Abakozi b'inkiko baranzwe n'amakosa akomeye bahawe ibihano, aho 3 birukanywe burundu mu gihe abandi 2 bahawe ibihano bitandukanye.

Uyu mwaka waranzwe kandi n'ingendo za Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yagiriye mu nkiko 28, ingendo yakoze agamije kwirebera imikorere y'inkiko, cyane cyane uburyo serivisi zitangwa n'uburyo bukoreshwa na buri rukiko mu gutanga ubutabera bwihuse kandi bunoze. Yaboneyeho gushimira abacamanza, abanditsi n'abandi bakozi b'inkiko kubera umurava bakorana inshingano zabo, abasaba guhora biyungura mu bumenyi no kurangwa n'ubunyangamugayo kugira ngo barusheho gutanga ubutabera buzira amakemwa.

Uyu mwaka Urwego rw'Ubucamanza rwabonye ingengo y'imari ingana na 7,347,529,479 yagiye mu mishahara n'ibindi bigenerwa abakozi, kuburanisha imanza z'ibirarane, kugura ibikoresho by'inkiko no mu gufasha mu kandi kazi k'inkiko. Hatangijwe kandi imishinga ibiri irimo amafranga yose hamwe angana na 5,467,643,130Frw arimo 4,102,643,130Frw yatanzwe na Leta y'Ubuholandi na 1,365,000,000frw yatanzwe na Investment Climate Facility for Africa-ICF. Iyo mishanga ikaba izafasha cyane cyane mubikorwa bijyanye no kunoza ikoranabunga mu nkiko, kubaka inyubako izakorerwamo n'Urugereko rw'Urukiko Rukuru ruburanisha imanza zijyanye n'ibyaha mpuzamahanga, gutangiza law reporting inoze, gufasha mu bikorwa by'ubushinjacyaha byo gukurikirana no gutegura amadosiye yabakekwaho icyaha cya jenoside. Ayatanzwe na ICF azafasha mu gukomeza kubaka ubushobozi bw'Inkiko z'Ubucuruzi. Ariko haracyari ibikorwa byinshi bitarabonerwa amafranga yo kubikora.
Raporo y'uyu mwaka iragaragaza inzitizi inkiko zihura nazo, zishingiye ahanini ku mubare munini w'imanza zinjira mu nkiko, aho muri uyu mwaka imanza zinjiye ari 70.601, ziri hafi kungana n'imanza zaciwe (83.584).

Bitewe nuko izi manza zinjira buri mwaka zisanga hari izindi zasigaye, ibyo bituma imanza zidashobora gucibwa uko zinjiye. Ubuyobozi bw'inkiko buzakomeza gukorana n'inzego zishinzwe gushyiraho amategeko kugira ngo ibibazo bitagibwaho impaka bijye bikemurwa n'izindi nzego, kimwe no gushishikariza abaturage kwitabira inzego nkemura mpaka, bityo inkiko zishyikirizwe imanza nkeya, binafashe abacamanza kuzikorera ubushakashatsi bukenewe bwatuma imanza zinozwa kurushaho.

Urwego rw'Ubucamanza rwishimira imikoranire myiza rufitanye n'izindi nzego zaba iza Leta, zaba n'izigenga. Rurishimira kandi ko mu bwuzuzanye bw'inzego, nta na rimwe ubwigenge bw'Ubucamanza bwigeze bubangamirwa. Urwego rw'Ubucamanza rurashimira abo bose bagize uruhare mu musaruro wagezweho muri uyu mwaka wa 2012-2013.

**Prof. Sam RUGEGE**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na

Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

# 1. IRIBURIRO

Nk'Uko ubutabera butangwa mu izina rya rubanda, uyu ni umwanya w'imurikabikorwa, kugira ngo Urwego rw'Ubucamanza rwerekane ibyo rwagezeho mu mwaka wa 2012-2013, inzitizi rwahuye nazo n'ingamba z'ahazaza.

Raporo y'uyu mwaka yashingiye ahanini ku mirongo migari yahawe inkiko kugira ngo zikorere isuzumamikorere. Iyo mirongo n'iyi ikurikira:

- Kwakira neza abagana inkiko;
- Kwifashisha ikoranabuhanga mu mirimo y'Urukiko;
- Gutanga ubutabera bwihuse kandi bunoze

Igaragaza kandi ibyakozwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza, ibyagezweho mu rwego rw'imikoranire n'izindi nzego, inzitizi Urwego rw'Ubucamanza rwahuye nazo n'ingamba zafatwa nk'imiti kuri izo nzitizi.

# 2. KWITA KUBAGANA INKIKO

Imirimo y'Urwego rw'Ubucamanza ishingiye cyane ku baturage, niyo mpamvu muri uyu mwaka twitaye cyane ku kunoza uburyo bwo kubagezaho serivisi bakenera mu nkiko. Twibanze cyane ku kumenyekanisha imikorere y'inkiko, uburyo abagana inkiko bakirwa ndetse no gukoresha ikoranabuhanga mu kubagezaho serivisi zihuse.

## 2.1. Kumenyesha abagana inkiko imikorere yazo

Muri uru rwego, hakozwe ibikorwa bitandukanye byafashije mu kumenyesha abaturage imikorere y'inkiko. Muri byo twavuga:

- **Ikiganiro cy'Urwego rw'Ubucamanza:** Iki kiganiro gihita kuri Radio Rwanda n'andi maradio nka Radio1. Ibyo biganiro byibanze ahanini ku gusobanurira abaturage amwe mu mategeko mashya yasohotse muri uyu mwaka, cyane cyane ayerekeye imikorere y'inkiko kugira ngo basobanukirwe uko bayifashisha mu kurengera uburenganzira bwayo. Twavuga nk'amategeko akurikira:
    - Itegeko Ngenga rigena imiterere n'imikorere by'Urukiko rw'Ikirenga;
    - Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano n'irigenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;
    - Itegeko Ngenga ryerekeye Ububasha n'Imikorere by'Inkiko ;
    - Itegeko rihana ibyaha mu Rwanda

Muri uyu mwaka hatambutse ibiganiro 24, abaturage bahabwa umwanya wo kubaza ibibazo bagahabwa ibisubizo bikwiye.

- **Ibiganiro bigenewe abanyamakuru** : Itangazamakuru ni umuyoboro w'ingenzi uhuza inzego za Leta n'abaturage. Muri uyu mwaka hakozwe ibiganiro n'abanyamakuru, bagezwaho ibyo inkiko zikora, bakabitangariza abaturage. Muri ibi biganiro kandi, abanyamakuru babazaga ibibazo bireba imikorere y'inkiko baba barakuye mu baturage, bityo bigafasha ubuyobozi bw'urwego rw'ubucamanza kubikurikirana no kubikemura. Muri uyu mwaka habaye ibiganiro bitatu byibanze ku ngamba zafashwe mu kurwanya ruswa no kunoza imitangire ya serivisi mu nkiko.

- **Kurwanya ruswa mu nkiko:** guca ruswa mu nkiko ni imwe mu ntego zikomeye Urwego rw'Ubucamanza rwihaye.Ni muri urwo rwego hashyizweho icyumweru ngarukamwaka cyahariwe kurwanya ruswa. Muri uyu mwaka iyo gahunda yabaye kuva ku itariki ya 11 Gashyantare 2013 kugeza ku itariki ya 15 Gashyantare 2013. Mu bikorwa by'ingenzi byaranze icyo cyumweru harimo ijambo Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yagejeje ku baturarwanda bose abakangurira kutagerageza gushora abacamanza mu bikorwa bya ruswa, anabakangurira kugaragaza abacamanza cyangwa abandi bakozi b'inkiko baba bakirangwaho iyo ngeso. Hatanzwe kandi ibiganiro mu nkiko zose hirya no hino mu gihugu bihuza abakozi b'inkiko n'abaturage bakangurirwa kurwanya ruswa n'ibikorwa biyiganishaho ndetse no kutayihishira. Muri icyo cyumweru kandi hatanzwe ibiganiro bigenewe abanyamakuru hakorwa n'ingendo zigamije kwamagana ruswa.

## 2.2 Kwakira neza abagana inkiko




Mu nkiko hakirwa abantu bazanywe n'ibibazo bitandukanye kandi bikomereye benebyo. Ni ngombwa rero ko bakiranwa umutima mwiza kandi bakabona ibisubizo mu gihe kitarambiranye. Muri uyu mwaka, inkiko zatojwe kurushaho kunoza uburyo zakira abazigana hashyirwaho n'uburyo bwo kugenzura ko byubahirizwa.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igihe bisaba umuturage mu gukurikira ikibazo cye mu nkiko.

**Imbonerahamwe ya 1: Igihe umuturage amara akurikiranye ikibazo mu rukiko**

| No | Urukiko | *Umubare mpuzandengo w'iminsi umuturage amara kuva atanze ikibazo kugeza igihe aboneye igisubizo* | *Inshuro mpuzandengo umuturage aza ku Rukiko* |
|---|---|---|---|
| 1 | TB | *1* | *1* |
| 2 | TGI | *1* | *1* |
| 3 | HC | *1* | *1* |
| 4 | CC | *1* | *1* |
| 5 | CHC | *1* | *1* |
| 6 | SC | *1* | *1* |
| Ikigereranyo | | *1* | *1* |

***Inkomoko y'imibare: Raporo isesenguye y'igihembwe cya 4 umwaka 2012-2013***

Nk'uko bigaragara, bisaba umuturage igihe mpuzandengo kitarenze umunsi umwe kugirango ahabwe igisubizo ku kibazo kiba cyamuzanye ku rukiko. Birashoboka ko hari igihe umuturage ataha atabonye igisubizo bitewe n'imiterere y'ikibazo cye cyangwa na gahunda y'Urukiko. Icyo gihe, inkiko zitwararika gutanga igisubizo mu gihe cya vuba gishoboka.

**Ibibazo bikunda kuzana abaturage mu nkiko**

Zimwe mu ngamba inkiko zihaye, mu rwego rwo gutanga serivisi zinoze ku bazigana ni ugushakisha uburyo bimwe mu bibazo zishyikirizwa byakemuka bitabaye ngombwa ko bene byo bagera aho izo nkiko zikorera, ndetse no gufatira ingamba zihariye ibibazo bigaragara ko ari byo byiganje kurusha ibindi.

Kugirango ibyo bigerweho hashyizweho uburyo bwo kumenya imiterere y'ibibazo bishyikirizwa inkiko no kubikorera isesengura hagamijwe gushaka imiti ishoboka yatuma ibyo bibazo bikemuka mu buryo bunogeye ababitanze.

**Imbonerahamwe** ikurikira iragaragaza ibibazo byiganje kurusha ibindi byashyikirijwe inkiko muri uyu mwaka wa 2012-**2013**

**Imbonerahamwe ya 2 : Ibibazo byatanzwe ku Nkiko mu mwaka wa 2012-2013**

| Ibibazo byatanzwe ku nkiko | Ijanisha ugereranyije n'ibibazo byose byatanzwe |
|---|---|
| Gutanga ibirego | **23%** |
| Guhabwa inyandiko zihamagara ababuranyi | **6%** |
| Guhabwa kopi y'urubanza | **35%** |
| Gutererwa kashi mpuruza ku rubanza | **31%** |
| Ibindi bibazo byatanzwe | **5%** |

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza ibibazo byiganje mu nkiko ni Uguhabwa kopi y'urubanza, Gutererwa kashi mpuruza ku rubanza, Gutanga ibirego no guhabwa inyandiko zihamagara ababuranyi.

Bimwe muri ibyo bibazo byafatiwe ingamba n'ubwo hagikenewe ko zikomeza gushishikarizwa abaturage (ibirego bishobora gutangwa hifashishijwe ikoranabuhanga), haracyigwa kandi ingamba zatuma itangwa rya kopi z'imanza n'inyandiko zihamagara ababuranyi nabyo byakorwa hifashishije ikoranabuhanga.

## 2.3. Kunoza serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga

➢ **Kugeza umurongo wa Interineti mu nkiko**

Mu gihe tugezemo, serivisi ntizishobora gutangwa uko bikwiye ikoranabuhanga ritabigizemo uruhare. Niyo mpamvu Urwego rw'Ubucamanza rukomeje gushyira imbaraga mu kugeza umuyoboro wa interineti mu nkiko kugirango zishobore guhanahana amadosiye y'imanza, gushyingura mu buryo bugezweho inyandiko zose zirebana n'imanza, gukora raporo ku buryo bworoshye, gukora ubushakashatsi no kugeza amakuru ku bayakeneye ku buryo bwihuse.

Ni muri urwo rwego inkiko 28 zimaze gushyirwa ku murongo mugari wa Interninet (fibre backbone connection) zirimo eshanu (5) zawugiyeho muri uyu mwaka. Icyo twakwishimira ni uko guhera ku Nkiko Zisumbuye n'Inkiko z'ubucuruzi kugeza ku Rukiko rw'Ikirenga zose zimaze kujya kuri uwo murongo. Inkiko zitarashyirwa ku murongo wa "fibre" kuri ubu zifashisha "modem" mu bikorwa by'ihererekanya makuru n'ubushakashatsi.

➢ **Gutanga ibirego hakoreshejwe ikoranabuhanga (Electronic Filing System)**

Mu rwego rwo kwihutisha imitangire ya serivisi mu itangwa ry'ibirego no kugabanya isiragira ry'ababuranyi mu nkiko, Urwego rw'Ubucamanza rukomeje gukangurira abagana inkiko kujya kwiyambaza uburyo rwashyizeho bwo gutanga ibirego hakoreshejwe ikoranabuhanga **(Electronic Filing System).** Nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza, 24% by'ibirego byinjiye muri uyu mwaka, byatanzwe hifashishijwe ikoranabuhanga. Mu Rukiko **rw'Ikirenga kimwe no mu Nkiko z'Ubucuruzi ho ibirego byose bitangwa hakoreshejwe ikoranabuhaga.**

**Imbonerahamwe ya 3: Ibirego byatanzwe hakoreshejwe ikoranabuhanga**

| **No** | ***Urukiko*** | **Ibirego byagombaga kunyura kuri EFS** | **Ibirego byatanzwe hakoreshejwe EFS** | ***% Y'ibirego byatanzwe hakoreshejwe EFS*** |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Inkiko z'Ibanze (TB) | 9,980 | 914 | 9.1 % |
| 2 | Inkiko Zisumbuye (TGI) | 2,431 | 1,140 | 46.8% |
| 3 | Urukiko Rukuru (HC) | 556 | 387 | 69.6 % |
| 4 | Inkiko z'ubucuruzi (CC) | 550 | 540 | 98.1 % |
| 5 | Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi (CHC) | 244 | 244 | 100 % |
| 6 | Urukiko rw'Ikirenga (SC) | 157 | 157 | 100 % |
| **Igiteranyo** | | **13,918** | **3,382** | **24.3 %** |

***Inkomoko y'imibare: Raporo isesenguye y'igihembwe cya 4 cy'umwaka wa 2012 – 2013***

Impamvu umubare w'abatanga ibirego bifashishije ikoranabuhanga ukiri hasi cyane mu Nkiko z'Ibanze, ni uko inyinshi muri zo ziganje mu byaro, mu duce dutuyemo abantu bataragerwaho n'amashanyarazi na interineti. Mu nkiko Zisumbuye no mu Rukiko Rukuru gutanga ibirego hifashishijwe ikoranabuhanga

ntibiragera ku kigero gikwiye kubera ko abaturage batarasobanukirwa inyungu zabyo, bityo bakaba bazakomeza gukangurirwa kuyifashisha.

- **Gutangaza no guhanahana amakuru**

Bumwe mu buryo Urwego rw'Ubucamanza rukoresha mu kumenyekanisha ibikorwa byarwo ni urubuga rwa interineti (**Website: www.judiciary.gov.rw**), kiosk info, imbuga nkoranyambaga (facebook na Twitter) n'urubuga rw'ibiganiro by'amategeko ruhuza abacamanza n'abakozi b'inkiko (blog: (www.blog.judiciary.gov.rw). Bumwe muri ubu buryo bwashyizweho muri uyu mwaka (facebook naTwitter) ubundi bwaravuguruwe (website).

# 3. GUTANGA UBUTABERA BWIHUSE KANDI BUNOZE

Gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse bijyana no kwihutisha no kunoza serivisi zose zitangwa kuva mu itangwa ry'ibirego kugeza umuburanyi abonye kopi y'urubanza rwe. Ni muri urwo rwego rero Urukiko rw'Ikirenga rugenzura rukanakurikirana itangwa rya serivisi kuri buri ntera y'urubanza. Iki cyiciro kiragaragaza ibyakozwe mu rwego rwo kwakira ibirego no gusubiza mu gihe ababitanze, gukemura ibibazo mu nama ntegura rubanza bitarindiriye umucamanza, guca imanza nyinshi neza kandi vuba, kurwanya ibirarane no guha umwihariko imanza zisaba ubwihutirwe budasanzwe.

## 3.1. Kwakira ibirego no gusubiza mu gihe ababitanze

Muri gahunda yo kwakira ibirego no gusubiza ababitanze ku gihe, inkiko zose zihaye umuhigo wo kutarenza amasaha 48 kugirango uwatanze ikirego abe yamenyeshejwe ko ikirego cye cyanditswe cyangwa ko kitanditswe. Igenzura ry'iyubahirizwa ry'iyi gahunda ryatangiye kwigwaho aho itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano risohokeye, ritangira gushyirwa mu bikorwa mu buryo bwuzuye mu gihembwe cya nyuma cy'uyumwaka dushoje (Mata –Kamena 2013) akaba ari nabyo bigaragara muri iyi mbonerahamwe.

***Imbonerahamwe ya 4: Igihe bitwara ngo uwatanze ikirego asubizwe***

| No | Urukiko | Umubare w'ibirego byatanzwe. | Umubare w'ibirego bitarengeje amasaha 48 uwatanze ikirego adashubijwe | Ijanisha | Umubare w'ibirego byarengeje amasaha 48 uwatanze ikirego adashubijwe. | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | TB | 12,154 | 11,868 | **97.65** | 286 | **2.3** |
| 2 | TGI | 5,718 | 5,149 | **90.05** | 569 | **9.95** |
| 3 | HC | 1,402 | 1,346 | **96.05** | 56 | **3.95** |
| 4 | CC | 534 | 448 | **84.04** | 86 | **15.96** |
| 5 | CHC | 168 | 168 | **100** | 0 | **0** |
| 6 | SC | 165 | 165 | **100** | 0 | **0** |
| **Igiteranyo** | | **20,141** | **19,144** | **95** | **997** | **5** |

***Inkomoko y'imibare: Raporo isesenguye y'igihembwe cya 4 cy'uyu mwaka***

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, 95% y'ibirego byatanzwe muri Mata – Kamena 2013 byasubijwe mu gihe cyagenwe (bitarenze amasaha 48).

Inkiko zifite ijanisha ryo hejuru ku birebana n'umubare w'ibirego byarengeje amasaha zagaragaje ko impamvu ibitera ari ibirego akenshi biba byatanzwe mu mpera z'icyumweru cyangwa ku munsi utari uwakazi, bityo bigasubizwa ku wa mbere abakozi bagarutse mu kazi cyangwa ku munsi ukurikiyeho w'akazi. Ibyo bibazo biboneka kandi mu nkiko zitaragira umubare uhagije w'abatanga ibirego bakoresheje ikoranabuhanga.

## 3.2. Gukemura ibibazo bitarindiriye umucamanza

Itegeko rishya rigenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano riha abanditsi b'inkiko ububasha bwo gusesengura ibirego bashyikirijwe mbere yo kubyandika bakandika gusa ibyo basanze byujuje ibyangombwa biteganywa n'amategeko. Bafite kandi ububasha bwo kumvikanisha ababuranyi ibirego bigakemuka bitabaye ngombwa ko bigera imbere y'umucamanza[1] . Urwego rw'Ubucamanza rwashyizeho uburyo bwo kugenzura uko abanditsi b'inkiko bakoresha ubwo bubasha bahabwa n'amategeko, iryo genzura rikaba ryaratangiye gushyirwa mu bikorwa ku buryo bwuzuye mu gihembwe cya nyuma cy'uyu mwaka ( Mata – Kamena 2013), ibyakozwe muri ayo mezi akaba aribyo bigaragazwa mu mbonerahamwe zigize iki cyiciro.

- **Ibirego Ubwanditsi butanditse kuko bitujuje ibisabwa**

Mu birego byageze mu nkiko kuva mu kwezi kwa Mata kugeza muri Kamena 2013, ibirego bingana na 4% nibyo bitanditswe kuko bitari byujuje ibisabwa nk'uko bigaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira.

***Imbonerahamwe ya 5: Ibirego byakiriwe n'ibirego bitanditswe***

| No | Urukiko | Umubare w'ibirego byatanzwe. | Umubare w'ibirego bitanditswe kuko bitujuje ibisabwa | Ijanisha |
|---|---|---|---|---|
| 1 | TB | 12,154 | 452 | 3.7 |
| 2 | TGI | 5,718 | 137 | 2.3 |
| 3 | HC | 1,402 | 7 | 0.4 |
| 4 | CC | 534 | 114 | 21.3 |
| 5 | CHC | 168 | 4 | 3.2.3 |
| 6 | SC | 165 | 44 | 26.6 |
| **Igiteranyo** | | **20,141** | **758** | **3.7** |

***Inkomoko y'imibare: Raporo isesenguye y'igihembwe cya 4 cy'uyu mwaka***

[1] Reba ingingo ya 18 n'iya 23 z'itegeko n° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano,iz'ubucuruzi, iz'umurimon'iz'ubutegetsi.

### ➢ Umubare w'ibirego byakemuwe mu nama ntegurarubanza

Mu gihembwe cya nyuma cy'uyu umwaka (Mata- Kamena), mu birego 5,759 byasuzumiwe mu nama ntegurarubanza , 6.6% bihwanye n'imanza 378 byarangiriye mu nama ntegurarubaza.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza umubare w'imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza:

***Imbonerahamwe ya 6: Ibibazo byakemuriwe mu Nama ntegurarubanza***

| No | Urukiko | Ibirego byasuzumwe mu nama ntegura rubanza | Ibibazo byarangiye nyuma y'ubwumvikane bw'ababuranyi | Ibibazo byarangiye nyuma yo kwemera ikirego k'umuburanyi uregwa | Ibibazo byose byarangiye mbere y'iburanisha | Ijanisha ry'ibibazo byarangiye mbere y'iburanisha. | Imanza zakomeje mu iburanisha |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **1** | **TB** | 3,585 | 187 | 37 | 224 | 6% | 3,361 |
| **2** | **TGI** | 1,429 | 37 | 1 | 38 | 2% | 1,391 |
| **3** | **HC** | 268 | 6 | 0 | 6 | 2% | 262 |
| **4** | **CC** | 475 | 7 | 103 | 110 | 23% | 365 |
| **5** | **CHC** | 2 | 0 | 0 | 0 | 0% | 2 |
| **Igiteranyo** | | **5,759** | **237** | **141** | **378** | 6.6% | **5,381** |

***Inkomoko y'imibare: Raporo isesenguye y'igihembwe cya 4 cy'uyu mwaka***

Ubwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga, usibye gusuzuma ibirego mu nama ntegurarubanza, ibindi bikorwa bivugwa mu mbonerahamwe iri haruguru ntibemerewe kubikora. Imanza zakorewe inama ntegurarubanza muri uyu mwaka zikaba ari 734[2].


## 3.3. Guca imanza nyinshi kandi vuba

### 3.3.1. Imanza zaciwe muri rusange

#### ➢ Imanza zinjiye, izaciwe n'izisiganye mu nkiko muri rusange

Imanza zakiriwe n'inkiko, izaciwe n'izisigaye mu nkiko zigaragara kuri izi shusho zikurikira:

***Ishusho ya 1 : Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko zose***




Nk'uko iyi shusho ibigaragaza, inkiko zose hamwe zaciye imanza ibihumbi mirongo inani na bitatu na magana atanu na mirongo inani n'enye ( 83,584) hakaba hasigaye imanza ibihumbi mirongo itatu na bitandatu n'ijana na mirongo itandatu n'eshanu (36, 165). Imanza zinjiye mu nkiko muri uyu mwaka


[2] Harebwe ibyakozwe ku mwaka ku Rukiko rw'Ikirenga kuko rwo rwari rusanzwe rubikora mu gihe mu zindi nkiko harebwe ibyakozwe mu gihembwe cya nyuma gusa.

zingana n'ibihumbi mirongo irindwi na magana arindwi na mirongo itandatu (70,701) zikaba zingana na 84% y'imanza zaciwe. Impuzandengo y'imanza zaciwe ku mucamanza umwe mu gihe cy'ukwezi ni imanza 23 mu nkiko zose. Aha twakwibutsa ko urugero fatizo Urwego rw'Ubucamanza rwihaye rw' imanza buri mucamanza ashobora guca mu kwezi ari imanza 15 nibura.

Bikaba bigaragara rero ko uwo muhigo weshejwe ku kigero cy'ijana na mirongo itandatu ku ijana (160 %) mu nkiko zisanzwe no ku kigero cya 60 % mu nkiko z'ubucuruzi. Umubare muto w'imanza zaciwe mu nkiko z'ubucuruzi uterwa n'uko ari nta manza nyinshi bafite kandi izinjira zikaba zigomba kubahiriza ibihe by'iburanisha biteganywa n'amategeko. Nubwo bigaragara ko abacamanza baca imanza nyinshi, nyamara kandi umubare w'imanza zinjira uwufatiye hamwe n'imanza zisigaye mu rukiko, bisumba ubushobozi bw'abacamanza ho 42%. Mu ngamba zafashwe zo guhashya ibirarane by'imanza mu nkiko, cyane cyane mu Rukiko rw'Ikirenga no mu Rukiko Rukuru, itegeko ngenga no 02/2013/OL ryo kuwa 16/06/2013 rihindura kandi ryuzuza itegeko ngenga no 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko ririmo igisubizo kuko imanza zimwe ubusanzwe zaburanishwaga n'Urukiko Rukuru iryo tegeko ngenga ryazishyize mu bubasha bw'inkiko Zisumbuye, ibi bikazatuma umubare w'imanza zigabanuka mu Rukiko Rukuru. Ku byerekeye Urukiko rw'Ikirenga naho, ingamba zafashwe zo kongera umubare w'abacamanza zizatuma umubare w'imanza zicibwa wiyongera.

Ugereranije ibyagezweho muri uyu mwaka n'umwaka ubanza, usanga imanza zaciwe zariyongereyeho 7%, mu gihe imanza zinjiye ziyongereyeho 8%, naho izisigaye zagabanutseho 6%. Ishusho ikurikiri ikaba igaragaza impinduka zabaye mu micire y'imanza muri uyu mwaka.

***Ishusho ya 2: Imanza zaciwe muri 2011-2012 na 2012-2013***




### 3.3.2 Imanza zaciwe muri buri rukiko

- **Imiterere y'imanza muri buri rukiko**

**Mu Nkiko z'Ibanze:**

Uko imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko zigaragara kuri iyi shusho ikurikira.

*Ishusho ya 3: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko z'ibanze*





Muri rusange Inkiko z'ibanze zaciye imanza ibihumbi mirongo ine n'icyenda na magana inani na mirongo irindwi n'esheshatu ( 49,876); zikaba zisigaranye imanza ibihumbi makumyabiri na kimwe na magana abiri na cumi n'esheshatu ( 21,216 ) kuko zari zisanganywe imanza 21.168 zasigaye mu mpera z'umwaka wa 2011- 2012 .

Imanza zinjiye muri izi nkiko zingana n'ibihumbi mirongo ine na bitatu na magana abiri na mirongo itatu n'ebyiri (43,232), zikaba zihwanye na 87% by'imanza zaciwe.

N'ubwo ivugurura ry'itegeko ngenga ryerekeye imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko rituma imanza ziyongera mu nkiko z'ibanze, ntabwo uko kwiyongera kw'imanza kuzaba gukabije cyane ubirebeye kuri buri rukiko kubera ko izo manza zizajya mu nkiko 60, izo nkiko rero zikaba ari nyinshi ugereranyiije n'umubare w'izindi nkiko. Na none kandi ivugurura ry'itegeko ngenga ryerekeye imiterere, imikorere n'ifasi by'Abunzi naryo rishobora kuba umuti kuri iki kibazo mu gihe rizaba rihaye ububasha komite y'abunzi bwo kuburanisha imanza z'amasambu n'ibindi bibazo by'abantu badatuye mu kagari kamwe, ubusanzwe zajyaga zitangirira mu Rukiko rw'Ibanze.

## Mu nkiko zisumbuye:

*Ishusho ya 4: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko zisumbuye*





Mu nkiko zisumbuye haciwe imanza ibihumbi makumyabiri na bibiri na Magana inani na mirongo cyenda n'esheshatu(22,896), hakaba hasigaye imanza ibihumbi bitandatu na Magana atandatu na cumi (6,610) kuko zari zisanganywe imanza 9.418 zasigaye mu mpera z'umwaka wa 2011- 2012 .

Imanza zinjiye mu nkiko zisumbuye ni ibihumbi cumi na birindwi na magana atandatu na mirongo itatu n'esheshatu ( 17,636 ) bihwanye na 77% y'imanza zaciwe. Ivugurura ry'itegeko ngenga ryerekeye imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko rwashyize imanza zimwe zari mu bubasha bw'Inkiko Zisumbuye mu bubasha bw'Inkiko z'Ibanze. Ibi rero bizagabanya umubare w'imanza zinjiraga mu Nkiko Zisumbuye.

## Mu Rukiko Rukuru:

*Ishusho ya 5: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu Rukiko Rukuru*




Mu Rukiko Rukuru n'ingereko zarwo haciwe imanza ibihumbi bitandatu n'ijana na Magana cyenda na cumi n'umunani (6,918), hakaba hasigaye imanza ibihumbi bitanu magana atatu na mirongo itandatu na rumwe (5,361).

Imanza zinjiye mu Rukiko Rukuru n'ingereko zarwo ni ibihumbi bitanu na magana arindwi na mirongo ine n'enye (5,744) zihwanye na 93% y'imanza zaciwe. N'ubwo bigaragara ko Urukiko Rukuru rugifite imanza nyinshi zitaraburanishwa, hari icyizere ko ivugurura ryakorewe Itegeko Ngenga no 51/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko rizatuma uwo umubare w'imanza ugabanuka kuko zimwe mu manza zaburanishwaga mu rwego rwa mbere n'Urukiko Rukuru, iryo tegeko ngenga ryazishyize mu bubasha bw'inkiko Zisumbuye.


**Urugereko rwihariye rw'Urukiko Rukuru**

Urugereko rwihariye rw'Urukiko Rukuru, ruburanisha imanza nshinjabyaha z'ibyaha byo mu rwego mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi. Kuva rushyizweho, rwashyikirijwe imanza eshanu (5) ubushinjacyaha buregamo: MUGESERA Leon (1), UWINKINDI Jean (2), NTAMABYARIRO Agnes (3), BANDORA Charles (4) n'urwa HABYARIMANA Mathias na bagenzi be (5). Uretse urubanza rwa BANDORA Charles , izindi zose uko ari enye zatangiye kuburanishwa mu mizi yazo.

Kubera imiterere yihariye y'izo manza, iburanishwa ryazo rifata igihe kirekire kandi bigasaba ubushobozi burenze ubukenerwa mu manza zisanzwe haba ku bijyanye n'amafaranga, ibikoresho n'umwanya wo gukora ubushakashatsi ku bakozi b'urwo rugereko[3]. Urukiko rw'Ikirenga rwashyizeho abakozi bunganira abacamanza mu bushakashatsi n'ubujyanama mu by'amategeko, kandi ruzakomeza kongerera ubushobozi abakozi b'urwo rukiko.

## Mu nkiko z'Ubucuruzi

***Ishusho ya 6: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu Nkiko z'Ubucuruzi***





Mu nkiko z'ubucurizi haciwe imanza igihumbi na magana arindwi na makumyabiri n'umunani ( 1,728 ) hakaba hasigaye imanza ijana na mirongo irindwi (170).

Imanza zinjiye mu nkiko z'ubucuruzi ni igihumbi na magana atandatu na mirongo itandatu n'ebyiri (1,662) zihwanye na 96% y'imanza zaciwe. Urebeye hamwe imanza zinjiye n'izisigaye ukazigereranya n'izicibwa usanga imanza zishobora gucibwa uko zinjiye ni ukuvuga ko nta birarane biri mu Nkiko z'ubucuruzi.

[3] Urubanza rwa Mugesera Leon rwatangiye kuburanishwa ku wa 17/09/2012 kugeza ubu ntirurapfundikirwa

## Mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi:

***Ishusho ya 7: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi***





Mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi imanza zaciwe ni magana inani na mirongo irindwi n'umunani (878) naho izisigaye ni ijana na mirongo ine n'ebyiri (142).
Imanza zinjiye ni magana atandatu na makumyabiri n'eshanu (625 ) ni ukuvuga 71% y'imanza zaciwe.

Urebeye hamwe imanza zinjiye n'izisigaye ukazigereranya n'izaciwe usanga zenda kungana bivuze ko mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi naho nta birarane bihari.
Kuba nta birarane bigaragara mu nkiko z'ubucuruzi bigaragaza ko impamvu yatumye hashyirwaho inkiko z'ubucuruzi zihariye igenda igerwaho.

## Mu nkiko za gisirikare


***Ishusho ya 8: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu nkiko za gisirikare***




Nk'uko iyi shusho ibyerekana, Urukiko rwa gisirikare rufite ikibazo cy'uko imanza zinjira ziruta izicibwa ho 18% (hacibwa 82% y'izinjira). Urebeye hamwe imanza zinjiye n'izisigaye ukazigereranya n'izaciwe usanga haraciwe 69% by'imanza zari mu rukiko. Ibi bivuze ko imanza urukiko rufite zirenze ubushobozi bw'urukiko bwo kuzica ho 32%. Mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare ho, imanza zaciwe ziruta izinjira ho 2% gusa.

**Mu Rukiko rw'Ikirenga**

*Ishusho ya 9: Imanza zinjiye, izaciwe n'izisigaye mu Rukiko rw'Ikirenga*




Mu Rukiko rw'Ikirenga Imanza zaciwe ni magana ane na cumi na rumwe (411) naho izisigaye ni ibihumbi bibiri na magana ane na mirongo icyenda n'ebyiri (2,492).

Imanza zinjiye mu Rukiko rw'Ikirenga ni magana atandatu na mirongo itatu n'umunani (638), ni ukuvuga 155% y'imanza zaciwe. Ibi bigaragaza ko imanza zisigaye mu Rukiko rw'Ikirenga hatagize izindi zinjira zidashobora gucibwa mu gihe kiri munsi y'imyaka itandatu. Ingamba yafashwe yo kongera umubare w'abacamanza 6 n'ivugurura ry'amategeko ryatangiye ni imwe mu miti y'ikibazo cy'ibirarane biri mu Rukiko rw'Ikirenga.

## 3.4. Guca Imanza Zinoze


### 3.4.1. Imanza zahindutse mu bujurire

N'ubwo guca imanza nyinshi bikenewe, ni na ngombwa ko izo manza zicibwa ku buryo bunoze, cyane cyane ko kuzica ku buryo bunoze bigira uruhare mu kugabanya umubare w'imana zijuririrwa bityo bikagabanya ubwinshi bw'imanza zikunze kugaragara mu nkiko nkuru. Cyakora ntibyoroshye kugaragaza mu mibare ikigero cy'ubudakemwa bw'imanza zaciwe. Ibyo ubundi bimenyekana iyo usuzumye buri rubanza ukamenya inenge zirurimo hashingiwe ku mategeko n'ibimenyetso byashingiweho mu guca urubanza. Ibi rero ntibishobora gukorwa ku manza zose inkiko zaciye.

Kugira ngo hamenyekane urwego rw'ubudakemwa imicire y'imanza igezeho, urwego rw'ubucamanza rwifashisha uburyo bunyuranye burimo kugenzura imanza runaka mu rukiko runaka hafatiwe ku mezi runaka. Hifashishwa kandi ibipimo by'imanza zahinduwe mu bujurire ugereranyije n'imanza zajuririwe, n'ubwo urubanza ruhinduye mu bujurire bitavuga ko rwari ruciye nabi, byerekana nibura ko iyo hahinduwe imanza nke mu bujurire, abacamanza baba bafite imyumvire imwe ku mikoreshereze y'amategeko bityo bikanarushaho kwereka abaturage uburyo ibibazo bashyikiriza urukiko bishobora gukemuka, bityo ibitari ngombwa bazi ko bashobora gutsindwa ntibirirwe babizana mu nkiko.


Ishusho ikurikira iragaragaza ikigero cy'imanza zahinduwe mu bujurire ugereranyije n'imanza zaciwe mu bujurire zose mu nkiko ziburanisha imanza mu bujurire.

*Ishusho ya 10: Imibare y'imanza zahinduwe mu bujurire*




Nk'uko bigaragara muri iyi shusho imanza zajuririwe mu nkiko zose ni ibihumbi icumi na magana arindwi na mirongo itanu na zirindwi; izahinduwe mu bujurire zo ni ibihumbi bibiri n'ijana na mirongo itanu zihwanye na 20% by'imanza zose zaburanishijwe mu bujurire. Urugero inkiko ziburanisha imanza mu bujurire zahinduyemo ibyemezo byafashwe n'inkiko zo hasi rugaragara mu ishusho ikurikira:

*Ishusho ya 11: Ijanisha ry'imanza zahinduwe mu bujurire*




Nk'uko iyi shusho iri haruguru ibyerekana Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi nirwo rwahinduye imanza nyinshi mu bujurire (37%), kugirango uwo mubare ugabanuke hagomba kongerwa imbaraga mu kuganira ku bibazo by'amategeko abacamanza b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'ab'Inkiko z'Ubucuruzi bahura nabyo kugirango barusheho kubyumba kimwe.

Nk'uko iyi shusho kandi ibigaragaza mu Rukiko Rukuru niho hahinduwe imanza nke (13%). Cyakora nk'uko byavuzwe, muri rusange umubare w'imanza zahinduwe mu bujurire zigereranyijwe n'izaburanishijwe mu bujurire warushijeho kugabanyuka uyu mwaka, kuko wavuye ku kigero cya 28% mu mwaka wa 2011 – 2012 ukagera ku kigero cya 20%, bikaba bigaragaza ko abacamanza bagenda barushaho kugira imyumvire imwe mu mikoreshereze y'amategeko.

## 3.4.2. Kurwanya ibirarane

Gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse ntibishobora kugerwaho mu gihe imanza zaba zidaciwe mu gihe gikwiye. Uretse umubare w'imanza nyinshi zinjira mu nkiko ibindi bishobora gutuma imanza zitinda gucibwa harimo isubikwa ry'imanza rya hato na hato ridafite ishingiro. Urwego rw'ubucamanza rukurikirana kandi rukagenzura igihe ibirego bimara kuva bitanzwe kugeza kopi y'urubanza ibonetse rukanagenzura impamvu zitera isubikwa ry'imanza.

- **Kugenzura igihe urubanza rumara kuva ikirego gitanzwe kugeza kopi y'urubanza ibonetse**

Nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza, igihe mpuzandengo urubanza rumara kuva ikirego gitanzwe kugeza urubanza rusomwe kingana n'amezi atanu (5) mu nkiko z'Ibanze, amezi ane (4) mu Nkiko Zisumbuye, ukwezi n'igice (1.5) mu Nkiko z'ubucuruzi, amezi 4 mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, amezi arindwi (7) mu Rukiko Rukuru n'amezi mirongo itatu n'abiri (32) mu Rukiko rw'Ikirenga. Mu Rukiko rw'Ikirenga niho bigaragara ko imanza zitinda kuburanishwa ibyo bikaba biterwa n'umubare munini w'imanza z'ibirarane urwo rukiko rusanganywe.

Ishusho nyayo igaragaza uburyo abacamanza batinza cyangwa bihutisha imanza bashyikirijwe igaragazwa n'iminsi urubanza rumara kuva rutangiye kuburanishwa kugeza rusomwe. Imibare rusange y'imiterere y'icyo kibazo itugaragariza ko urubanza rutarenza amezi abiri rutarasomwa uhereye igihe rwatangiriye kuburanishwa. Icyo gihe si kinini cyane ugereranyije n'uburyo akazi gakorwa mu nkiko n'ibyo amategeko ateganya kuko urwego rw'ubucamanza rwihaye umuhigo w'uko imanza ziburanishijwe mu kwezi kumwe zidakwiye kurenza ukwezi gukurikiyeho zitarasomwa.
Iyo urubanza rumaze gusomwa ni ngombwa ko umuturage abona kopi y'urubanza yaburanye ku gihe kugirango abashe gusaba ko rurangizwa cyangwa kurujuririra mu gihe. Aha twakwishimira ko umuco wo gusoma imanza zitanditse no gutinda guha ababuranyi kopi z'imanza ugenda ucika burundu kuko nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza kopi y'urubanza ishobora kuboneka mu gihe kitarenze iminsi ibiri urubanza rumaze gusomwa. Aha twakwibutsa ko umuhigo urwego rw'ubacamanza rwihaye ari ukutarenza iminsi itanu. Icyakora nanone ntitwabura kwibutsa ko iyi mibare igaragazwa aha ari imibare mpuzandengo, ibyo bikaba bivuga ko hatabura inkiko nke zitatira iyi gahunda.

***Imbonerahamwe ya 7: Iminsi urubanza rumara mu iburanisha***


| N° | Urukiko | Iminsi urubanza rumara kuva rwinjiye kugeza rusomwe. | Iminsi urubanza rumara kuva rutangiye kuburanishwa kugeza rusomwe. | Igihe kopi y'urubanza ibonekera kuva rumaze gusomwa |
|---|---|---|---|---|
| **1** | **TB** | 152.6 | 43.02 | 4.35 |
| **2** | **TGI** | 126 | 60.25 | 1.44 |
| **3** | **HC** | 221.8 | 40.7 | 2.57 |
| **4** | **CC** | 49.55 | 35.3 | 1 |
| **5** | **CHC** | 123 | 122.2 | 1 |
| **6** | **SC** | 960 | 65 | 9 |

***Inkomoko y'imibare: Raporo isesenguye y'igihembwe cya 4 cy'umwaka wa 2012-2013***

- **Kugenzura isubikwa ry'imanza**

Urwego rw'ubucamanza ntirureba gusa ko imanza zatinze kuburanishwa, ahubwo rwita no kumenya ikibitera kugirango hafatwe ingamba zo kubikemura. Ishusho ikurikira igaragaza impamvu zakunze gutera isubikwa ry'imanza muri uyu mwaka n'ubwiganze bwazo.


*Ishusho ya  12: Impamvu z'isubikwa ry'imanza z'imbonezamubano*




Nk'uko iyi shusho ibigaragaza imanza nyinshi zisubikwa bisabwe n'ababuranyi (25%) ihamagara ridakurikije amategeko (20%) no kubura kw'abatangabuhamya (18%). Mu rwego rwo kugabanya isubika riturutse kuri izo mpamvu, mbere y'uko umuburanyi atanga ikirego asabwa kubanza kubimenyesha uwo arega akanamushyikiriza imyanzuro mbere y'uko ayiha urukiko. Ibi bituma isubikwa ry'imanza rishingiye ku kuba umuburanyi ataramenye urubanza cyangwa ataramenyeshejwe ingingo z'umurega ngo ategure urubanza rigabanuka. Iyi mikorere nibwo yari itangiye kumenyerwa mu nkiko,hakaba hari icyizere ko mu minsi iri imbere izarushaho gutanga umusaruro.

Indi ngamba yafashwe ni uko ababuranyi bava mu nama nteguraruabanza basinyiye itariki y'iburanisha ry'urubanza mu mizi kandi bamaze kwemeranya no kugaragaza buri wese ibimenyetso azifashisha mu rubanza ku buryo ari nta gitungurana. Icyakora izi ngamba nibwo zigitangira gushyirwa mu bikorwa, hakaba hari icyizere ko uko zizagenda zimenyerwa, ari nako zizarushaho gutanga umusaruro.

*Ishusho ya  13 : Impamvu z'isubikwa ry'imanza nshinjabyaha*




Mu manza z'inshinjabyaha, hafashwe ingamba zo kunoza imikoranire n'ubuyobozi bw'amagereza n'inkiko kugira ngo habeho guhanahana amakuru yerekeranye cyane cyane na gahunda z'inkiko haba ku byerekeranye n'amatariki y'iburanisha cyangwa imyanya abagororwa bahabwa yo gusoma dosiye zabo. Iyi mikoranire iracyanozwa ku buryo mu minsi iri mbere byashoboka kumenyesha abagororwa gahunda z'iburanisha na dosiye zabo hifashishijwe ikoranabuhanga.

Ku byerekeye abaregwa badafunze hafashwe ingamba y'uko uregwa asabwa kagaragaza umwirondoro we wuzuye azahamagarwaho, yaramuka ahinduye uwo mwirondoro akabimenyesha Urukiko, yaba atabikoze akazahamagarwa ku mwirondoro yari yatanze mbere ataboneka akaburanishwa adahari.


- **Kwita ku manza zimaze igihe mu nkiko**

✓ **Imanza zisigaye mu nkiko (pending cases)**

Mu rwego rwo kubahiriza intego yo guca imanza mu gihe gikwiye, urwego rw'Ubucamanza rwita by'umwihariko ku manza ziba zimaze igihe kirekire zitaracibwa kugirango zicibwe bene zo babone ubutabera mu gihe gicirirtse. Intego rwihaye ni ukubahiriza ibiteganywa n'itegeko ko urubanza rutagomba kumara amezi atandatu rutaratangira kuburanishwa. Iyi ntego yamaze kugerwaho n'inkiko zose uretse Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko Rukuru, ariyo mpamvu amategeko yavuguruwe mu rwego rwo kugabanya imanza zijuririrwa mu nkiko nkuru. N'ubwo bigaragara ko imanza zicibwa vuba, hari imanza zimwe na zimwe zivukamo inzitizi zibyukijwe n'ababuranyi bigatuma zimara igihe kirekire mu nkiko. Urwego rw'ubucamanza rwashyizeho uburyo bwo gukurikirana izo manza, by'umwihariko ku manza zirengeje amezi 18.

Ishusho ikurikira iragaragaza ikigero cy'imanza ziri mu nkiko ukurikije igihe zinjiriye.


***Ishusho ya 14: Imanza ziri mu nkiko ukurikije igihe zinjiriye***




Nk'uko iyi shusho ibigaragaza imanza nyinshi zikiri mu nkiko ni izinjiye muri uyu mwaka wa 2013 n'umwaka wa 2012 kuko zingana na 88% by'imanza zose ziri mu nkiko. Imanza zirengeje amezi 18 ni 4,404 bingana na 12% by'imanza zose ziri mu nkiko. Zikaba ziganje cyane cyane mu Rukiko rw'Ikirenga kuko rwihariye 11% by'imanza zose zirengeje amezi 18.

Ishusho ikurikira igaragaza ubwinshi bw'imanza zisigaye mu nkiko zirebewe hamwe n'impuzandengo ku rukiko rumwe.

*Ishusho ya 15: Ubwinshi bw'imanza zisigaye mu nkiko*




Nk'uko bigaragara kuri iyi shusho, mu nkiko z'ibanze harimo imanza ibihumbi makumyabiri na kimwe na Magana abiri na cumi n'esheshatu (21,216) wazisaranganya ku nkiko 60, usanga muri buri rukiko hasigaye imanza magana atatu na mirongo itanu n'eshatu (354). Ibi birerekana ko Urukiko rw'Ikirenga ari rwo rusigaranye imanza nyinshi (2,492), hagakurikiraho Urukiko Rukuru (1072 kuri buri rugereko) hakaza inkiko zisumbuye (551 urebye Urukiko rumwe).

Muri make, uko inkiko zirutana uhereye hasi, niko zirushanya umubare w'imanza ziba zitegereje kuburanishwa.


Ibyo bituruka ku mpamvu nyinshi zagiye zisobanurwa zishingiye ahanini ku miterere y'isaranganywa ry'ububasha hagati y'inkiko no kuba inkiko zo hasi ari nazo nyinshi zoherereza rimwe imanza mu nkiko zisumbuyeho, kandi iteka arizo nke.

Amategeko yavuguruwe uyu mwaka yagabanyije ubukana bw'iki kibazo, n'ubwo hari ibigikenewe kunozwa cyane cyane mu Rukiko rw'Ikirenga, nk'uko byasobanuwe, kugira ngo haboneke umuti urambye. Hagati aho, urwego rw'ubucamanza, mu mikoro make rufite, rwakomeje ingamba rusanganywe zo guca imanza z'ibirarane ku buryo bw'umwihariko.

**Imanza z'ibirarane zaciwe n'izisigaye mu nkiko**

Ishusho ikurikiraho irerekana umubare w'imanza z'ibirarane zaciwe n'izisigaye kuri buri rwego rw'inkiko.

*Ishusho ya 16: Imanza z'ibirarane (hejuru y'amezi 6) zaciwe n'izisigaye*





Uko bigaragara ikibazo cy'ibirarane kiracyagaragara mu nkiko, by'umwihariko mu Rukiko rw'Ikirenga no mu Rukiko Rukuru. Ivugurura ry'amategeko ryabaye muri uyu mwaka rizafasha mu guhangana

n'icyo kibazo cy'ibirarane kuko hari imanza nyinshi zari mu bubasha bw'inkiko nkuru zashyizwe mu bubasha bw'inkiko zo hasi.

Ishusho ikurikira igaragaza uburemere bw'ibirarane biri muri buri rukiko hagendewe ku mpuzandengo ( kuri buri rukiko rumwe rw'ibanze, Urukiko rumwe rwisimbuye, kuri buri rugereko rw'Urukiko rukuru).

*Ishusho ya 17: Uburemere bw'ibirarane muri buri rukiko*





## 3.5. Guha umwihariko imanza zisaba ubwihutirwe budasanzwe

Urwego rw'ubucamanza rwafashe ingamba yo kwita ku buryo bwihariye ku manza zifite ingaruka zihariye ku muryango nyarwanda, izo manza zigizwe ahanini n'imanza zibasira ubukungu bw'igihugu, imanza ku byaha by'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha biyishamikiyeho, imanza z'abana kimwe n'ibyaha byerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Izi manza iyo zigeze mu nkiko zihabwa ubwihutirwe budasanzwe.

### 3.5.1. Ibyaha byibasira ubukungu bw'Igihugu

Nk'uko bigaragara mu ishusho ikurikira, mu manza zose z'ibyaha byibasira ubukungu bw'igihugu zageze mu nkiko, 78% zaraciwe. Muri izi zaciwe 11% nizo zajuririwe.


*Ishusho ya 18: Imanza ku byaha byibasira ubukungu bw'Igihugu zageze mu nkiko*




Ugereranije n'umwaka ushize, usanga ibyaha byibasira ubukungu bw'igihugu byageze mu nkiko


byaragabanutseho 64%. Ishusho ikurikira igaragaza ibyaha byibasira ubukungu bw'igihugu byinjiye umwaka ubanza wa 2011/2012 ubigereranije n'ibyinjiye mu mwaka 2012-2013.

*Ishusho ya 19: Imanza ku byaha byibasira ubukungu bw'Igihugu zaregewe inkiko mu myaka ya 2011-2012 na 2012-2013*




## 3.5.2. Imanza ku byaha by'ingengabitekerezo ya jenoside


*Ishusho ya 20: Imanza z'ingengabitekerezo ya jenoside zageze mu nkiko*




Muri izi manza, ku manza zose zageze mu rukiko 62% zaraciwe, kandi muri izi zaciwe 5% gusa nizo zajuririwe.

Ugereranije n'umwaka ubanziriza uyu dusoza, usanga kuri izi manza izinjiye zariyongereyeho 33% nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza.

*Ishusho ya 21: Imiterere y'imanza z'ingengabitekerezo ya jenoside zageze mu nkiko kuva mu mwaka w'2007 kugeza mu mwaka w'ubucamanza 2012-2013*




Iyo urebye uko ibi byaha byinjiye mu nkiko kuva 2007, usanga byaragiye bigabanuka kugeza muri 2009. Gusa bikaba bigaragara ko kuva 2010, byatangiye kwiyongera. Ni ngombwa rero ko inzego zose bireba zongera ingufu mu gukumira no gukurikirana ibyo byaha.

## 3.6. Gukemura ibibazo bitageze mu nkiko


Nk'uko byagaragajwe, ubwinshi bw'imanza nyinshi zinjira mu nkiko bukomeje kuba imbogamizi yo gutanga ubutabera mu gihe gikwiye. Nyamara ntawabura gushima intambwe igenda irushaho gutera imbere mu rwego rwo gukemura amakimbirane hifashishijwe izindi nzego. Aha twavuga nk'urwego rw'abunzi, Ikigo Mpuzamahanga Nkemurampaka cya Kigali (KIAC), Urwego rw'Umuvunyi n'inzego z'ubuyobozi zinyuranye. Nta gushidikanya ko imikorere y'izi nzego yizweho neza, zigakora mu buryo bwuzuzanya, byakorohereza umuzigo w'imanza z'ibirarane inkiko zikomeje kwikorera. Iki cyiciro kiragaragaza uruhare abunzi bagize mu gukemura amakimbirane, hamwe n'ibyo KIAC imaze kugeraho.

### 3.6.1. Uruhare rw'abunzi mu gukemura ibibazo by'abaturage

Urwego rw'abunzi rugira uruhare mu gukemura ibibazo by'abaturage. Imanza baciye zikarangira zitageze mu nkiko zigaragaza uruhare rwabo mu kugabanya ibibazo byagombye kugana inkiko. Muri uyu mwaka wa 2012- 2013, hashyizwe kashe mpuruza ku myanzuro y'Abunzi igera kuri 14.073[4]. Uyu ni umubare munini w'imanza zashoboraga kwiyongera ku zindi manza zinjiye mu nkiko z'Ibanze nk'uko ishusho ikurikiraho izerekana.

[4] Imwe muri iyi myanzuro iba yarafashwe mbere y'uyu mwaka beneyo ntibahereko bayitezaho kasha mpuruza.

*Ishusho ya  22: Imanza zaregewe inkiko z'Ibanze mu mwaka 2012 – 2013.*




Nk'uko iyi shusho ibigaragaza, imanza 39.103 zaregewe inkiko z'Ibanze zitabanje mu Bunzi zingana na 90% y'imanza zose zaregewe izo nkiko mu mwaka 2012 – 2013, naho imanza 4. 315 zaregewe izo nkiko zivuye mu Bunzi.  Kuba hakiri imanza nyinshi ziregerwa inkiko zitabanje kuregerwa Abunzi biterwa ahanini n'imiterere y'itegeko ryerekeye imiterere, imikorere n'ifasi za comite z'abunzi riteganya ko Abunzi batemerewe kuburanisha abantu bafitanye ikibazo ariko badatuye mu kagari kamwe. Ibi bituma imanza nyinshi ubusanzwe usanga zidatandukanye ku bijyanye n'ikiburanwa n'izo abunzi basanzwe baburanisha bihita biregerwa mu nkiko. Kwihutisha umushinga w'itegeko ry'Abunzi rivugurura iririho ubu byaba igisubizo ku kibazo cy'imanza nyinshi ziregerwa inkiko z'Ibanze.

### 3.6.2. Uruhare rw'Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali (KIAC) mu gukemura ibibazo by'abaturage

Abantu bagiranye amasezerano bashobora kumvikana kwiyambaza urwego rw'ubukemurampaka mu gukemura ibibazo bivutse mu iyubahirizwa ryayo, bityo ibibazo byabo bikaba byarangira bitabaye ngombwa ko bajya mu nkiko. Kugira ngo ibyemezo by'urwego rw'ubukemurampaka bishyirwe mu bikorwa uwatsinze ashobore kubona ibyo yatsindiye, icyemezo cy'urwego rw'ubukemurampaka gishyikirizwa Urukiko Rukuru rukagiteraho kashe mpuruza.

Uruhare rw'Ikigo mpuzamahanga cy'ubukemurampaka cya Kigali (KIAC) rugaragarira ku mubare w'ibyemezo icyo kigo gifata (sentence arbitrale/arbitration awards) bishyikirizwa Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi kugira ngo bishyirweho kashe mpuruza bibone gushyirwa mu bikorwa. Rugaragarira kandi ku mubare  w'ibirego bishyikirizwa uru urukiko by'ubujurire bw'ibyemezo byafashwe n'urwo rwego nkemurampaka. Muri uyu mwaka wa 2012 – 2013, Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi rwashyikirijwe icyemezo kimwe gusa (1) cyashyizweho kashe mpuruza, rwanakiriye kandi ruburanisha urubanza rumwe  rwahinduye icyemezo cya KIAC.

Biragaragara rero ko uruhare rwa KIAC mu gukemura ibibazo by'abaturage rukiri hasi cyane. Impamvu ni uko urwo rwego ari rushya rukaba rukiyubaka. Ni ngombwa rero ko hafatwa ingamba zatuma abantu barwitabira, nko kurumenyekanisha bihagije.

# 4. INGAMBA ZAKORESHEJWE

Kugirango Urwego rw'Ubucamanza rugere ku bikorwa byagaragajwe, rwifashishije ingamba zirimo kuvugurura amategeko, no gushyiraho amabwiriza agenga imikorere y'inkiko, gukorera ku ntego, kongerera abakozi ubushobozi, kugenzura imikorere y'inkiko n'imyitwarire by'abacamanza.

## 4.1. Kuvugurura amategeko

Kubera ibibazo byagiye bigaragara mu mategeko amwe n'amwe cyane cyane ayerekeye imikorere y'inkiko bitatumaga Urwego rw'Ubucamanza rusohoza inshingano zarwo uko bikwiye hatanzwe ibitekerezo ku mategeko akwiye kuvugururwa n'uburyo yavugururwa. Ni muri urwo rwego amategeko akurikira yavuguruwe:

- Itegeko ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga;
- Itegeko ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko;
- Itegeko ngenga rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda;
- Itegeko ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko z'ubucuruzi;
- Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza 'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;
- Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;
- Itegeko rigena Sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko;

Mu mpinduka iryo vugurura ryazanye Urwego rw'Ubucamanza rwari rwaratanzeho ibitekerezo, twavuga izi zikurikira:

- Kugabanuka k'umubare w'imanza zishobora kujuririrwa mu Rukiko rw'Ikirenga;
- Gushyiraho impamvu zikomeye zigamije gutuma imanza zijuririrwa mu rwego rwa kabiri mu Rukiko rw'Ikirenga zigabanuka;
- Ku gabanya umubare w'imanza zitangirira mu Rukiko Rukuru n'Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi;
- Kuvugurura amafasi y'inkiko z'Ibanze ku buryo inkiko zari ziremerewe zoroherezwa umubare w'imanza zishobora kwakira;
- Kuvugurura imiburanishirize y'imanza ku buryo abanditsi b'inkiko bagira ububasha bwo kutandika ibirego byajyaga biza mu nkiko bitujuje ibyangombwa, gutegura imanza no kumvikanisha ababuranyi mu nama ntegurarubanza;
- Guha abanditsi b'Urukiko rw'Ikirenga uburenganzira bwo gusuzuma niba ibirego byaregewe

Urukiko w'Ikirenga biri mu bubasha bwarwo;

- Kugabanya impamvu zatuma biba ngombwa ko urubanza rubanza gukorerwa ibanzirizasuzuma mbere y'uko rushyirwa kuri gahunda y'iburanishwa mu Rukiko rw'Ikirenga;
- Guhana ababuranyi badindiza iburanisha nkana.

Kugira ngo ayo mategeko ashyirwe mu bikorwa uko bikwiye hateguwe amabwiriza afasha inkiko kuyashyira mu bikorwa no kugenzura uburyo yubahirizwa.

## 4.2. Gukorera ku ntego

Kugira ngo rubashe kugera ku nshingano rwiyemeje yo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse, Urwego rw'Ubucamanza rwihaye ibipimo mbonezamikorere rugenderaho haba mu guca imanza no mu zindi serivisi zitangwa. Inkiko zasobanuriwe ibyo bipimo zigatanga raporo buri kwezi y'uburyo byubahirizwa. Muri ibyo bipimo havugwamo ibi bikurikira:

- Mu buryo bwo kwakira neza abagana urukiko no kwirinda kubasiragiza, umuturage watanze ikibazo asubizwa mu gihe kitarenze iminsi itatu;
- Umuturage watanze ikirego amenyeshwa ko cyanditswe cyangwa ko kidashobora kwandikwa mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunane (48);
- Umuturage ubwanditsi bwanze kwandikira ikirego atakambira Perezida w'urukiko mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunane (48) kandi agasubizwa mu gihe kitarenze ayo masaha;
- Raporo y'inama ntegurarubanza ishyikirizwa Perezida w'urukiko mu gihe kitarenze ukwezi uhereye igihe impande zombi zatangiye imyanzuro y'urubanza;
- kutarenza amezi abiri (2) urubanza rutangiye kuburanishwa rutarasomwa no kutarenza iminsi itanu (5) kopi y'urubanza rwasomwe itaraboneka ngo ishyirwe muri PDF kandi ishyikirizwe umwanditsi  wakira abagana inkiko;
- Guca imanza nibura cumi n'eshanu (15) mu kwezi kuri buri mucamanza;
- Imanza zisaba ubwihutirwe (imanza ziregwamo abana, iz'ihohoterwa rikorerwa abari n'abategarugori , iz'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nabyo n'iz' ibyaha bibangamira ubukungu), ziburanishwa mu gihe kitarenze amezi atandatu (6)
- Gukoresha ikoranabuhanga mu bikorwa byose by'urukiko;
- Gukora inama nsuzumabikorwa buri kwezi muri buri rukiko hasuzumwa uburyo izo ntego zagezweho no gushyikiriza raporo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

## 4.3. Kongerera ubushobozi abakozi b'inkiko

### 4.3.1. Amahugurwa yahawe abacamanza n'abandi bakozi b'Inkiko



Ku bufatanye n'Ishuli rikuru ryo kwigisha no guteza imbere ubumenyingiro mu mategeko (ILPD), muri uyu mwaka abacamanza 28 bahawe amahugurwa y'igihe kirekire ajyanye n'ubumenyi ngiro atuma bahabwa diploma mu bumenyingiro nk'uko bisabwa mu itegeko. Muri rusange abacamanza bamaze guhabwa ayo mahugurwa bakaba bangana na 155 abasigaye batarayahabwa ni 132.

Abacamanza n'abakozi b'Inkiko bahawe amahugurwa y'igihe gito anyuranye akurikira:

- Amahugurwa ku mategeko mpuzamahanga agenga uburenganzira bwa muntu yahawe abacamanza bose bo mu nkiko zisumbuye no mu nkiko z'ibanze.
- Amahugurwa ku gitabo cy'amategeko ahana yahawe abacamanza bose bo mu nkiko zisumbuye no mu nkiko z'ibanze.
- Amahugurwa ku bukemurampaka (arbitration) yahawe abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, abacamanza b'Urukiko Rukuru, Abacamanza b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Abanditsi bo mu Rukiko rw'Ikirenga na bamwe mu bagenzuzi b'inkiko.
- Amahugurwa y'ibanze ku bacamanza n'abanditsi binjiye mu mwuga
- Amahugurwa ku Itegeko rigenga amasoko ya Leta yahawe abacamanza bo mu nkiko z'ubucuruzi n'abanditsi bazo.
- Amahugurwa ku bushakashatsi mu by'amategeko hifashishijwe ikoranabuhanga (westlaw e-libray)

- Amahugurwa ku kwitwararika ibibazo byihariye ku baburanyi bamwe na bamwe (socio context awareness seminar) yahawe abacamanza bo mu Rwanda n'abo mu bindi bihugu bigize umuryango wa Afurika y'iburasirazuba

- Amahugurwa ku mitegurire y'imanza n'uruhare rw'abanditsi hashingiwe ku mategeko mashya agenga imiburanishirize y'imanza yahawe abanditsi bakuru bose.

- Amahugurwa ku igenwa ry'ibihano mu manza nshinjabyaha (sentencing) yahawe abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, abagenzuzi b'Inkiko n'abayobozi b'Urukiko Rukuru n'Ingereko zarwo.

Mu rwego rwo kubaka ubushobozi bw'abacamanza n'abakozi b'Inkiko kandi hateguwe imishinga inyuranye ndetse imwe muri yo ikaba yarabonewe inkunga izatuma ishyirwa mu bikorwa muri uyu mwaka dutangiye. Aha twavuga nka:

- umushinga w'amahugurwa agenewe abanditsi b'Urukiko rw'Ikirenga n'inkiko z'ubucuruzi mu kwandika mu buryo bwihuse hakoreshejwe imvugo ishushanyije (stenographie),

- Umushinga wo guhugura abacamanza baburanisha imanza z'ubucuruzi mu mategeko atandukanye bifashisha.

- Umushinga wo guhugura abacamanza nibura 25 bakabona impamyabumenyi yo mu kiciro cya gatatu

- Umushinga w'amahugurwa ku mategeko mpuzamahanga ku bacamanza, abanditsi n'abandi bakozi bo mu nkiko ziburanisha ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha mpuzamahanga.

Mu rwego rwo kubaka ubushobozi kandi hakozwe umushinga wo gushaka abakozi bunganira abacamanza mu ngeri zinyuranye:

- Abashakashatsi mu by'amategeko bakora incamake y'imanza zaciwe bakanagaragaza ibyerekezo zafashe ku buryo byakubahirizwa n'abandi bacamanza (law reporters).

- Abashinzwe gufasha no kuyobora abatangabuhamya mu manza z'abakurikiranyweho jenoside boherejwe n'inkiko mpuzamahanga cyangwa ibindi bihugu. (Witness protection)

- Abashinzwe kugaragaza no kumenyekanisha ibikorwa by'ubucamanza (communication experts)

- Hari imishinga kandi yakozwe mu rwego rwo gushimangira ikoranabuhanga mu mikorere y'inkiko:

- Hateganyijwe kugeza ku nkiko icumi umuyoboro wa interineti ziziyongera kuri 28 zari zisanzwe.

- Haguzwe mudasobwa (lap tops) na scanners zisimbura izari zishaje.

- Hateganyijwe kunoza imikoreshereze y'ikoranabuhanga mu micungire y'amadosiye y'imanza n'ihererekanya ryayo (upgradation of ERMS).

Hateganyijwe kandi kubaka ingoro y'ubutabera izakorerwamo n'Urugereko rw'Urukiko Rukuru rushizwe kuburanisha ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha mpuzamahanga hamwe n'Urugereko rw'Urukiko Rukuru rukorera I Nyanza.

### 4.3.2. Kugenzura imikorere y'inkiko n'imyitwarire by'abacamanza

Kubera amategeko mashya yasohotse n'ingamba nshya zashyizweho mu kuvugurura imikorere no kwigenzura, ubugenzuzi bw'Inkiko bwageze mu nkiko zose, busobanurira abacamanza n'abanditsi inshingano nshya bafite, uko zashyirwa mu bikorwa n'uko bajya babigaragariza inzego zibakuriye muri raporo batanga buri kwezi. Igenzura kandi ryibanze ku budakemwa bw'imanza mu nkiko zo mu ifasi ya Karongi, no mu ifasi y'Urugereko rw'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana no mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

Muri rusange iryo genzura ryagaragaje ko abacamanza bagikeneye amahugurwa ku bijyanye n'imyandikire y'imanza.

Mu rwego rwo kugenzura imikorere kandi abayobozi b'Inkiko n'abanditsi bakuru bagiye bagirana inama buri gihembwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, bakerekwa aho bagifite intege nke hagafatwa ingamba zo kurushaho kuboneza imikorere. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga nawe ubwe yasuye inkiko zinyurane agamije kwirebera ubwe uko inkiko zikora, aho zikorera n'ibibazo zihura nabyo kugirango hafatwe ingamba zikwiye. Muri urwo rwego hasuwe inkiko 8 mu Ntara y'Amajyaruguru, 9 mu Ntara y'Iburengerazuba n'inkiko 10 zo mu Ntara y'amajyepfo.



Mu rwego rwo kuboneza imikorere y'inkiko kandi no guharanira imyitwarire myiza y'abakozi bazo, ubugenzuzi bw'inkiko bwakurikiranye amadosiye 5 y'abacamanza n'abanditsi b'inkiko.

Aya madosiye yashyikirijwe Inama Nkuru y'Ubucamanza, umucamanza 1 n'abanditsi 2 barirukanwa kubera amakosa akomeye bakoze mu kazi, abandi bacamanza 2 bahabwa ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire.

## 5. IBYAKOZWE N'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

Mu nshingano zayo zo gufata ibyemezo bigamije kuboneza imikorere y'urwego rw'ubucamanza, muri uyu mwaka Inama Nkuru y'Ubucamanza yafashe ibyemezo bitandukanye, iby'ingenzi biri mu mbonerahamwe ikurikira:

| N° | INTEGO | IBYARI BITEGANYIJWE | IBYAGEZWEHO |
|---|---|---|---|
| 1 | Kunoza imikorere y'inkiko. | Kubonera inkiko abakozi bahagije. | Hashyizweho abacamanza 14 bagengwa na sitati, abanditsi b'inkiko 7 bagengwa na sitati n'abanditsi b'inkiko 8 bagengwa n'amasezerano y'akazi. |
| | | Gushyiraho abayobozi mu nkiko. | Hashyizweho aba Perezida b'Inkiko z'Ibanze 7, umwanditsi mukuru w'Urukiko rw'Ubucuruzi n'abanditsi bakuri b'Inkiko z'Ibanze 9. |
| | | Kwimura abacamanza n'abanditsi b'inkiko. | Abacamanza 25 n'abanditsi b'inkiko 25 barimuwe. |
| | | Gushyira abacamanza mu Ngereko Zihariye. | Abacamanza 7 bashyizwe mu Ngereko zihariye z'Inkiko Zisumbuye. |
| | | Gushyiraho burundu abacamanza n'abanditsi b'inkiko. | Abacamanza 7 n'abanditsi b'inkiko 41 bashyizwe burundu mu kazi. |
| | | Gufata ibyemezo ku nzandiko zigenewe Inama Nkuru y'Ubucamanza. | Abacamanza 2 bemerewe kuba bahagaritse akazi. |
| | | | Umwanditsi w'Urukiko yasabye kujya mu kiruhuko cy'izabukuru arakemererwa |
| | | | Umucamanza wanditse asaba gusubira mu kazi k'ubucamanza yarabyemerewe. |
| 2 | Kuzuza imyanya mu Nama Nkuru y'Ubucamanza | Gukoresha amatora y'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza. | Abacamanza n'abanditsi b'inkiko mu nkiko zinyuranye batorewe guhagararira bagenzi babo mu Nama Nkuru y'Ubucamanza. Abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bashyizwe mu makomisiyo bakoreramo. |

| Nº | INTEGO | IBYARI BITEGANYIJWE | IBYAGEZWEHO |
|---|---|---|---|
| 3 | Gufata ibyemezo ku madosiye y'imyitwarire | Gufatira ibihano abacamanza n'abanditsi b'inkiko bagaragaweho imyitwarire igayisha isura y'urwego rw'ubucamanza. | Hasuzumwe amadosiye y'imyitwarire 5, umucamanza 1 n'abanditsi 2 barirukanwa abandi bacamanza 2 bahabwa ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire. |
| 4 | Kuboneza imikorere y'urwego rw'ubucamanza | Gushyiraho uburyo bufasha imikorere. | Hashyizweho inyandiko nshya y'isuzumamikorere y'abacamanza. |
| | | | Hemejwe umushinga w'iteka rishyiraho uburyo bukoreshwa mu gutanga amanota y'isuzumamikorere ku bacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bagengwa na Sitati y'abacamanza. |
| | | | Hashyizweho icyemezo kigena ibigenerwa abitabiriye inama z'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'iz'amakomisiyo |
| | | | Hashyizweho amategeko ngengamikorere y'Inama Nkuru y'Ubucamanza |
| | | IBINDI BYAKOZWE | Kwakira indahiro z'abacamanza |
| | | | Gushyiraho abakozi mu biro bya Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga. |

## 6. IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO

Imwe mu ntego Urwego rw' Ubucamanza rwihaye, ni ukunoza imikoranire yarwo n'izindi nzego, zaba iz'imbere mu Gihugu cyangwa izo mu bihugu by'amahanga. Mu bikorwa byakozwe muri uyu mwaka wa 2012-2013 mu rwego rw'ubwo bufatanye n'izindi nzego twavuga nk'ibi bikurikira:

- Urwego rw'ubucamanza rwafatanyije na Minisiteri y'umutekano mu gihugu, Minisiteri y'ubutabera, ubushinjacyaha bukuru n' Urwego rw'Igihugu rushinzwe amagereza, mu gikorwa cyo gusura amagereza yose yo mu gihugu, hagamijwe kumenya no gukemura ibibazo by'abafungwa n'abagororwa bireba inkiko.
- Mu mikoranira n'Urwego rw'umuvunyi, Urukiko rw'Ikirenga rwashyikirije buri gihembwe urwego rw'umuvunyi urutonde rw'abantu bahamwe n'icyaha cya ruswa kugirango rutangazwe nk'uko amategeko abiteganya.
- Urukiko rw'Ikirenga rwafatanyije na Minisiteri y'ubutabera n'urwego rw'Umuvunyi mu gikorwa cyo kurebera hamwe no gufata ingamba z' uburyo imanza z'imitungo y'abana b'impfubyi za jenoside zaburanishwa vuba, abatsinze bagahabwa imitungo yabo. Iki gikorwa kiracyakomeje.
- Urukiko rw'Ikirenga rwateguye runatumiza inama ngishwanama ku mushinga w 'amabwiriza agenewe inkiko yerekeye imikoreshereze y'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza.

Iyo nama yahuje abahagarariye urwo rwego n'abahagariye urugaga rw'abavoka, urugaga rw'abahesha b'inkiko, n'ubushinjacyaha bukuru.

- Urwego rw'ubucamanza rwafatanyijе n'Ubushinjacyaha gutegura umushinga w'amabwiriza agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

# 7. INZITIZI N'IMITI ISHOBOKA

N'ubwo hari byinshi byakozwe nk'uko byagaragajwe, Urwego rw'ubucamanza rwahuye n'inzitizi zinyuranye zatumye rutabasha kugera ku ntego zimwe na zimwe rwari rwihaye uko rubyifuza. Mu nzitizi rwahuye nazo havugwa izi zikurikira: ubwinshi bw'imanza zinjira mu nkiko, imiterere y'ububasha bw'inkiko ituma zimwe mu nkiko zigira imanza nyinshi ku bakozi bake, ikoranabuhanga rigitaguza, n' ingengo y'imari idahagije.

## 7.1. Ubwinshi bw'imanza zinjira mu nkiko

Nk'uko byagaragajwe hejuru mu kugereranya imanza zinjira n'izicibwa, imanza zinjira mu nkiko ziracyari nyishi cyane kuburyo uretse mu nkiko z'ubucuruzi na zimwe mu nkiko z'ibanze, ubwinshi bw'umubare w'imanza zinjira ukomeje gutuma imanza zidashobora gucibwa mu gihe gikwiye. Cyakora urwego rw'ubucamanza ntiruhwema gutekereza ku ngamba zatuma icyo kibazo gikemuka. Imwe mu miti rwatekerejeho rukeneye kuganiraho n'izindi nzego ni iyi ikurikira:

- Gushishikariza inzego za Leta gukemura ibibazo by'abaturage bitaraba amakimbirane akomeye yabyara imanza,
- Guha ubumenyi n'ubushobozi buhagije inzego z'abunzi kugirango zirusheho kongera umubare w'ibibazo zikemura.
- Gushishikariza inzego za Leta kwirinda gufata ibyemezo bishobora gushora Leta mu manza.
- Guha ubushobozi abagenzuzi b'imirimo kugirango bashobore kugira ibyemezo bafata mu manza z'umurimo.
- Kurushaho kunoza imiterere, imikorere n'imikoranire y'izindi nzira zishobora gukemura amakimbirane bidaciye mu nkiko. (Abunzi, Umuvunyi, Komisiyo y'uburenganzira bwa muntu, KIAC (Kigali International Arbitration Center)...)

## 7.2. Imiterere, imikorere n'ubabasha by'Inkiko

Nk'uko byasobanuwe haruguru, urwego rw'ubucamanza rwatanze ibitekerezo binyuranye ku buryo imiterere y'inkiko n'ububasha bwazo byavugururwa. Ibyinshi muri byo byarakozwe nk'uko byasobanuwe.

Cyakora hari ibigikenewe kunozwa:

- Hakwiye gukomeza gutekerezwa ku muti uhamye watuma ibirarane by'imanza ziri mu Rukiko rw'Ikirenga bigabanyuka kugirango imanza urwo Rukiko rufite zishobore gucibwa mu gihe kitarambiranye.
- Inkiko z'ibanze zikwiye guhuzwa kugirango zihuze ingufu, haba mu rwego rw'abakozi, mu rwego rw'ibikoresho n'imikoranire n'izindi nkiko cyane cyane binyuze mu ikoranabuhanga.
- Urwego rw'Ubacamanza rurateganya kandi kujya rushyira abacamanza mu manza zihariye (specialization) kugirango bamenyere uko zicibwa bityo birusheho kongera umubare n'ubudakemwa bw'imanza zicibwa.

## 7.3. Ikoranabuhanga ritarashinga imizi

Urwego rw'ubucamanza rwakomeje kugerageza kunoza uburyo ikoranabuhanga ryafasha gucunga amadosiye y'imanza no kuyahererekanya haba hagati y'inkiko ubwazo, haba hagati y'abakozi b'Urukiko rumwe no hagati y'Urukiko n'abaturage. Cyakora iryo koranabuhanga ntirirashobora gutanga umusaruro ku kigero cyifuzwa. Urwego rw'ubucamanza ruzakomeza kwifashisha impuguke kugira ngo hanozwe uburyo bwo gucunga amadosiye y'inkiko hifashishwa ikoranabuhanga.
Urwego rw'ubucamanza ruzakomeza kandi gukangurira abagana inkiko (abaturage, abunganira abandi mu nkiko, Urwego rw'amagereza n'Ubushinjacyaha) kwitabira ikoranabuhanga ku buryo amakuru yose ashoboka bakenera ku nkiko ahererekanywa hifashishijwe ikoranabuhanga. Harateganywa kandi, gushyiraho uburyo bwo gufasha abagana inkiko kwishyura amagarama hakoreshejwe ikoranabuhanga. Nubwo umugambi w'Urwego rw'ubucamanza ari uko inkiko zose zashyirwa ku murongo wa interineti (optic fibre), hashingiwe ku mikoro ahari, muri uyu mwaka wa 2013-2014 hateganijwe kandi kugeza umurongo wa Interineti mu inkiko z'ibanze 10 kandi zinashyirirweho uburyo bwo gukoresha uwo murongo (LAN).

**Zimwe mu ngoro z'ubutabera zidakwiye**

Ibikorwa bikenerwa mu Rwego rw'Ubucamanza bihora ari byinshi ariko amikoro akaba make ku buryo bimwe muribyo bidindira bikabangamira igerwaho ry'intego rwihaye. Kugira ngo inkiko zigere ku ntego yazo yo gutanga serivisi nziza no kuburanisha imanza mu gihe kitarambiranye, bisaba ko inkiko zidafite aho zikorera hatunganye zubakirwa, izindi zikongererwa ibyumba by'iburanisha, ndetse hakabaho na gahunda yo gukurikirana inyubako zihari kugira ngo izikeneye gusanwa bikorwe mu gihe cyihuse mu rwego rwo kwirinda guteza Leta igihombo kitari ngombwa. Muri uyu mwaka wa 2013-2014, inyubako zimwe zizahabwa ubwihutirwe, harimo:

- Kubakira Urugereko rw'Urukiko Rukuru rukorera i Nyanza hamwe n'Urugereko ruburanisha imanza ku byaha mpuzamahanga;
- Gushaka aho Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge zikorera;

- Kubaka ingoro z'inkiko z'Ibanze zigikorera ahantu hadatunganye;
- Gutunganya kuri buri rukiko aho abarugana bakiririrwa;
- Gusana zimwe mu nyubako z'Inkiko zisumbuye zitameze neza.

**Ikibazo cy'imibereho y'abacamanza n'abanditsi**

Nubwo Leta yakomeje kwita ku mibereho y'abakozi b'Inkiko, nyamara kandi imiterere y'umulimo w'ubucamanza utabangikanywa n'indi milimo ibyara inyungu, isaba ko abakora uyu mwuga bitabwaho by'umwihariko bityo Urwego rw'Ubucamanza ntirukomeze kubura abakozi bamenyereye akazi bitewe no kujya aho babona amaramuko asumbyeho. Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza kungurana ibitekerezo n'inzego za Leta bireba kugira ngo hashakwe uburyo bwazamura imibereho y'abakozi b'inkiko, by'umwihariko abacamanza n'abanditsi b'inkiko zo hasi, bityo bakore umwuga bishimiye.

## 7.4. Ingengo y'imari idahagije

Ibikorwa bikenerwa mu Rwego rw'Ubucamanza bihora ari byinshi ariko amikoro akaba make ku buryo bimwe muribyo bidindira bikabangamira igerwaho ry'intego rwihaye. Mu bikorwa bikenera amafaranga ku buryo bwihuse twavuga ibi bikurikira:

- Kubaka ibyumba by'iburanisha by'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko Rukuru;
- Kubaka isomero n'inzu y'ubushakashatsi mu by'amategeko ku cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga;
- Kubaka ingoro y'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi;
- kubaka ingoro z'inkiko z'Ibanze zigikorera ahantu hadatunganye;
- gutunganya kuri buri rukiko aho abarugana bakiririrwa;
- kugeza umurongo wa interineti (optic fibre) ku nkiko zose;
- kuzamura imibereho y'abacamanza n'abanditsi b'inkiko

Bumwe mu buryo bwatekerejwe nk'umuti ku kibazo cy'amikoro Urwego rw'Ubucamanza Ruhura nacyo, ni ugukurikira no kwishyuza amafaranga inkiko zica ababuranyi kugira ngo yiyongere ku ngengo y'imari ihabwa uru rwego. Ayo kugeza ubu aracibwa ariko hakishyurwa make ku buryo Leta n'ubundi ntayo yabonaga. Aramutse akurikiranwe neza akishyuzwa, yabasha kunganira ingengo y'imari ihabwa inkiko kandi ntacyo Leta yigomwe kindi. Uko byakorwa Urukiko rw'Ikirenga ruzakomeza kubiganiraho n'inzego zibishinzwe.

# 8. UMWANZURO

Nk'uko iyi raporo ibigaragaza, muri uyu mwaka wa 2012 – 2013, Urwego rw'Ubucamanza rwakoze ibishoboka byose kugira ngo rushobore kugera ku ntego rwihaye zijyanye no kunoza imitangire ya serivisi zihabwa abagana inkiko no gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse.

Nk'uko kandi byagaragajwe, ivugurura ry'amategeko ryabaye igisubizo kuri byinshi ku bijyanye no kunoza serivisi zihabwa abaturage ndetse no gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse. Aha twavuga nko kuba abanditsi b'inkiko barahawe ububasha bwo gufata byemezo bimwe na bimwe ubusanzwe byategerezaga umucamanza bigatuma ibibazo by'ababuranyi bikemuka vuba bitabaye ngombwa ko bategereza igihe umucamanza azaburanishiriza imanza zabo. Ishyirwaho kandi ry'uburyo bushya inkiko zikoresha zigenzura zikanagaragariza abazikuriye ibikorwa byazo naryo ryahinduye byinshi mu buryo bwo kunoza imikorere.

N'ubwo muri uyu mwaka Urwego rw'Ubucamanza rwageze kuri byinshi kandi bishimishije nk'uko byagaragajwe, rwagize n'inzitizi zatumye rutagera ku musaruro wifuzwa. Muri izo nzitizi twavuga ubwinshi bw'imanza zinjira bukomeje kubangamira intego yo gutanga ubutabera bwihuse n'amategeko yerekeye imiterere, imikorere n'ububasha by' inkiko, kugeza ubu adakemura ikibazo cy'ibirarane bikabije biri mu Rukiko rw'Ikirenga.

Haracyakenewe ko amategeko akomeza kunozwa kugira ngo ikibazo cy'ibirarane by'imanza cyane cyane mu Rukiko rw'Ikirenga gikemuke burundu n'izindi ngamba za ngombwa kugira ngo ibibazo byose byagaragajwe muri iyi raporo bibonerwe umuti.

## 9. IMIGEREKA

### Umugereka wa I: IMANZA ZINJIYE, IZACIWE N'IZISIGAYE MU NKIKO Z'IBANZE

| COURT | Pending at the begining of July 2012 | | | New cases | | | | | | Setted at pretrial level | Dismaissals | Judged cases | Jail &bail | OCD | Total Court Decisions | Nb JGS | AVCD/JGE | Closed cases at Primary Court level | | | Closed at Abunzi | | | Pending at the end of the month |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Initiated from abunzi | | | Initiated directly in court | | | | | | | | | | | | | | | | | |
| | Civ | Pen | Total | Civ | Pen | Total | Civ | Pen | Total | | | | | | | | | Civ | Pen | Total | Civ | Pen | Total | |
| TB Nyarugenge | 151 | 263 | **414** | 1 | 0 | **1** | 772 | 1038 | **1810** | 0 | 37 | 1291 | 420 | 15 | **1763** | 35 | 470 | 661 | 411 | **1072** | 25 | 0 | 25 | **892** |
| TB Nyamirambo | 349 | 442 | **791** | 13 | 0 | **13** | 1165 | 781 | **1946** | 12 | 69 | 1389 | 270 | 16 | **1744** | 38 | 441 | 145 | 111 | **256** | 19 | 0 | 19 | **1287** |
